**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

Musanze, kuwa 28. / 01 /2020

**INTARA Y'AMAJYARUGURU**
**AKARERE KA MUSANZE**
**E-mail: chairman@musanze.gov.rw**

N° 107/07.04.03CD2020

***Ref: DC***

Bwana Guverineri w'Intara y'Amajyaruguru/**MUSANZE**

**IMPAMVU**: Kubagezaho imyanzuro y'Umwiherero wahuje inzego z'ubuyobozi mu Karere ka Musanze wabaye ku matariki ya **18-20/01/2020.**

Bwana,

Nishimiye kwandika ngira ngo mbagezeho, ku mugereka w'iyi baruwa, imyanzuro yafatiwe mu mwiherero wahuje inzego z'ubuyobozi mu Karere ka MUSANZE, wabereye mu Karere ka **Rubavu/ Kivu Peace View Hotel** ku matariki ya **18-20/01/2020.**

Mugire amahoro.

**ABAYISENGA Emile**
Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka **MUSANZE**

**Bimenyeshejwe:**

-Umuyobozi w'Akarere ka **MUSANZE;**
-Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ka **MUSANZE.**

**REPUBURIKA Y'U RWANDA**

**INTARA Y'AMAJYARUGURU**
**AKARERE KA MUSANZE**
**BP 03 MUSANZE**

# IMYANZURO Y'UMWIHERERO WAHUJE INAMA NJYANAMA Y'AKARERE, ABAHAGARARIYE BIRO YA JADF, BA PEREZIDA B'INAMA NJYANAMA Z'IMIRENGE IGIZE AKARERE KA MUSANZE N'ABAYOBOZI B'AMASHAMI MU KARERE KA MUSANZE WABEREYE MU KARERE KA RUBAVU KUVA KUWA 18 KUGEZA KUWA 20 MUTARAMA 2020.

Kuva kuwa 18/01/2020 kugeza kuwa 20/01/2020 muri Kivu Peace Hotel mu Karere ka Rubavu, Intara y'Iburengerazuba habereye umwiherero wahuje Inama Njyanama y'Akarere ka Musanze, Abahagarariye Biro ya JADF, ba Perezida b'Inama Njyanama z'Imirenge cumi n'itanu (15) y'Akarere ka Musanze, Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge hamwe n'Abayobozi b'Amashami ku rwego rw'Akarereka Musanze.

Mu ijambo ry'ikaze ku bitabiriye uyu mwiherero, Umuyobozi w'Akarere ka Musanze, Madamu **NUWUMUREMYI Jeannine** yashimye abagize Inama Njyanama y'Akarere ka Musanze kuba na none baratekereje kongera guhuriza hamwe abafite aho bahuriye n'ibikorwa by'Akarere mu rwego rwo kwisuzuma no kongera gufata ingamba zatuma turushaho kunoza ibyo dukora.

Afungura umwiherero, Umunyambanga Nshingwabikorwa w`Intara y`Amajyaruguru, Bwana **Geoffrey MUSHAYIJA** yasabye abitabiriye umwiherero gukorera mu bwuzuzanye ,gufata ibyemezo bishingiye ku mategeko no gushakira buri wese mu nshingano ze.

Mu mpanuro zatanzwe na Perezida w'Inama Njyanama y·Akarere ka Musanze, Bwana **ABAYISENGA Emile** yibukije abitabiriye umwiherero impamvu yawo agaragaza ko buri mwaka Akarere ka Musanze kiyemeje kujya gahura mu mwiherero mu rwego rwo gusangira amakuru y'Akarere kugira ngo turusheho kwesa Imihigo.

**Abitabiriye umwiherero**:

Abajyanama b'Inama Njyanama y'Akarere (27), Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere(1), Umuyobozi ushinzwe imirimo rusange (1), Abayobozi b'amashami ku Karere (13), ba Perezida b'Inama Njyanama z'Imirenge(15), Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge (15), Uhagarariye JADF(1), Umukozi wa JADF(1), Umugenzuzi w'imbere mu Karere (1), Umukozi ushinzwe amasoko (1), Umukozi w'Inama Njyanama (1), Umukozi ushinzwe kumenyekanisha Akarere no kugahuza n'abakagana (1), DASSO (1). Bose hamwe ni 79.

Muri uyu mwiherero hatangiwemo **ibiganiro bikurikira**:

1. Ishyirwa mu bikorwa ry`imyanzuro y`umwiherero wa 2019
2. Aho Imihigo y'Akarere 2019-2020 (ubukungu n`imibereho myiza y`abaturage) igeze ishyirwa mu bikorwa;
3. Aho gahunda y'ibikorwa by'Akarere y`umwaka wa 2019-2020 igeze ishyirwa mu bikorwa;
4. Aho ibibazo bibangamiye imibereho myiza y`abaturage bigeze bikemuka;
5. Ubwizigame bw'igihe kirekire (Long Term Saving Scheme - LTSS Ejo Heza);
6. Ahagaragaye intege nke n`ibibazo bikigaragara mu Karere
7. Kugezwaho imishinga iteganyijwe gukorwa mu mwaka wa 2020-2021
8. Gahunda ya Ndi Umunyarwanda

Hashingiwe kuri ibi biganiro n'impanuro zatanzwe n'Abayobozi batandukanye hafashwe imyanzuro ikurikira:

| N° | UMWANZURO | UZAWUSHYIRA MU BIKORWA | IGIHE BIZAKORERWA |
|---|---|---|---|
| 1 | Abitabiriye umwiherero bemeje ko abagize Inama Njyanama bajya bagabana imihigo bityo buri mujyanama akagira imihigo akurikirana ku buryo bw`umwihariko kandi buri rwego kuva ku Karere kugera ku Mudugudu rukajya rufasha urwego rwo munsi yarwo kugera ku nshingano. | Komite Nyobozi | Guhera umwiherero ukirangira |
| 2 | Abitabiriye umwiherero bemeje ko hihutishwa ibikenewe byose kugira ngo irimbi rishya rya Gacaca ritunganywe kandi ritangire gukoreshwa. | Komite Nyobozi | Guhera umwiherero ukirangira |
| 3 | Abitabiriye umwiherero bemeje ko, mu gihe ikibazo cya ECOSAN kitarakemuka hakorwa ibishoboka byose santeri y`ubucuruzi ya Karwasa ikabona ubwiherero rusange ndetse hagakorwa igenamigambi rituma hubakwa ubwiherero rusange ahantu hahurira abantu benshi. | Komite Nyobozi | Guhera umwiherero ukirangira |
| 4 | Abitabiriye umwiherero bemeje ko hihutishwa gahunda yo gushyira abakozi babura mu myanya kandi bigakorwa mu buryo butabangamiye amabwiriza yatanzwe na MIFOTRA. | Komite Nyobozi | Guhera umwiherero ukirangira |
| 5 | Abitabiriye umwiherero bemeje ko Ubuyobozi bw'Akarere bukurikirana ikibazo kijyanye n'urusaku ruterwa no kwamamaza imbere y`amaduka mu mujyi wa Musanze. | Komite Nyobozi | Guhera umwiherero ukirangira |
| 6 | Abitabiriye umwiherero bemeje ko Akarere kareba uburyo kaganira n'Ubuyobozi bwa WASAC mu rwego rwo gukora ubuvugizi bujyanye no kubona amafaranga yo kuguranira abaturage ahazubakwa ikimoteri rusange mu Murenge wa Gacaca. | Komite Nyobozi | Guhera umwiherero ukirangira |
| 7 | Abitabiriye umwiherero bemeje ko habaho gutanga amakuru yose yafasha mu kuvugurura igishushanyo mbonera, guca akajagari kakigaragara mu myubakire bigakorwa ku bufatanye n`inzego zose uhereye ku Mudugudu kandi abagaragayeho amakosa bakajya babiryozwa. | Komite Nyobozi | Guhera umwiherero ukirangira |
| 8 | Abitabiriye umwiherero bemeje ko habaho gukomeza gushishikariza abaturage basigaye kubaruza imitungo yabo itimukanwa no kwihutira gutanga imisoro y`ubutaka. | Komite Nyobozi | Guhera umwiherero ukirangira |

| | | | |
|---|---|---|---|
| 9 | Abitabiriye umwiherero bemeje ko icyumweru cy`umujyanama kizajya gikorwa buri mwaka, abajyanama bose kuva ku rwego rw`Akagari kugera ku rwego rw`Akarere bakabigiramo uruhare kandi bagafatwa kimwe kuri buri rwego. | Komite Nyobozi | Guhera umwiherero ukirangira |
| 10 | Abitabiriye umwiherero bemeje ko hakurikiranwa ikibazo cy`abaturage b`Umudugudu wa Nyarubuye, Akagari ka Kabeza Umurenge wa Nyange bamaze igihe kinini barakusanyije amafaranga ngo babone amashanyarazi ariko bikaba bitarakorwa. | Komite Nyobozi | Guhera umwiherero ukirangira |
| 11 | Abitabiriye umwiherero bemeje ko hafatwa ingamba zigamije kubungabunga umusaruro w`ibigori bigurishwa bitarera no guca ingeso mbi yo kubyokereza ku muhanda igenda igaragara hirya no hino. | Komite Nyobozi | Guhera umwiherero ukirangira |
| 12 | Abitabiriye umwiherero bemeje ko habaho guhuza imbaraga, kunoza imikoranire, mu gukora igenamigambi no kongera ubushobozi bw'abakozi bijyanye n`amikoro kugira ngo uruhare rwa buri wese mu iterambere ry`Akarere rugaragare. | Komite Nyobozi | Guhera umwiherero ukirangira |
| 13 | Abitabiriye umwiherero biyemeje kwihutisha kwandika ku Karere imitungo yako icyanditswe ku bandi no gukomeza gushakisha ingengo y`imari ikenewe kugira ngo ibibanza 101 bikenewe biboneke mu rwego rwo gukemura ibibazo by`abatagira amacumbi no kongera ubukangurambaga mu ngo hagamijwe kwikemurira ibibazo. | Komite Nyobozi | Guhera umwiherero ukirangira |
| 14 | Abitabiriye umwiherero bemeje kongera imbaraga mu kuzamura imisanzu y`ubwizigame muri gahunda ya EJO HEZA-LTSS mu Mirenge yose kandi abaturage bose bagakorerwa ubukangurambaga buri gihe mu nama n`ibindi bikorwa bibahuza n'abayobozi. | Komite Nyobozi | Umwiherero ukirangira |
| 15 | Abitabiriye umwiherero bemeje ko habaho guhuza imibare no gukurikirana abana bagaragaraho imirire mibi hatitawe gusa ku bakurikiranwa n`Ibigo Nderabuzima. | Komite Nyobozi | Guhera umwiherero ukirangira |
| 16 | Abitabiriye umwiherero biyemeje kubahiriza amategeko mu nshingano zabo za buri munsi no kwirinda gufata ibyemezo bishingiye ku marangamutima. | Komite Nyobozi | Guhera umwiherero ukirangira |

| | | | |
|---|---|---|---|
| 17 | Abitabiriye umwiherero bemeje ko ibyagaragajwe na Komisiyo zinyuranye z`Inama Njyanama bishyikirizwa Abayobozi b`amashami ku Karere kugira ngo ibyasabwe bitangire gushyirwa mu bikorwa. | Komite Nyobozi | Guhera umwiherero ukirangira |
| 18 | Abari mu mwiherero bemeje ko hakorwa ibishoboka byose Akarere kakagira ikirango cyihariye kigaragaza ko ari Akarere k'Ubukerarugendo. Bemeje kandi ko hanozwa uburyo bwo gutangaza no gutanga amakuru ku bikorerwa mu Karere hifashishijwe "Website y'Akarere". | Komite Nyobozi | Guhera umwiherero ukirangira |
| 19 | Abari mu mwiherero bemeje gukomeza gushyigikira no kongera ibikorwa bigamije kwimakaza gahunda ya Ndi Umunyarwanda binyuze mu biganiro, hagamijwe gukomeza kubaka Ubumwe n`Ubwiyunge by`abanyarwanda. | Komite Nyobozi | Guhera umwiherero ukirangira |

Bikorewe i Rubavu kuwa 20/01/2020

INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA MUSANZE

**NYIRABYIMANA Jacqueline**
Umunyamabanga w'Inama Njyanama
ka **MUSANZE**

**ABAYISENGA Emile**
Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere
y'Akarere ka **MUSANZE**